

# RWANDA: MUREKE ABABANENGA BISANZURE

AMNESTY INTERNATIONAL



RWANDA: MUREKE ABABANENGA BISANZURE

AMNESTY INTERNATIONAL

# RWANDA:
# MUREKE ABABANENGA BISANZURE

Hashize imyaka myinshi uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo bubangamirwa bikomeye mu Rwanda. Amezi yabanjirije amatora ya perezida yo muri Kanama 2010, ari nayo Perezida Paul Kagame yatsinze ku majwi 93 ku ijana, yaranzwe no kubangamira cyane uburenganzira bwo kugaragaza ibitekerezo hamwe n'uburenganzira bwo kwishyira hamwe n'abandi.

Mu myaka icumi nyuma ya jenoside yo muri 1994 yahitanye abantu bagera ku bihumbi 800, mu Rwanda hashyizweho amategeko yanditse mu buryo budafututse kandi busakuma, agamije kurwanya "Amacakubiri" n' "Ingengabitekerezo ya jenoside." Ayo mategeko abuza imvugo zihembera urwango; ariko yanditswe mu buryo burengera bigera n'aho ahana n'imvugo zidahembera urwango, zirimo izitagira ikindi zizira usibye kunenga leta n'imirongo ngenderwaho ya politiki yayo.

Ayo mategeko anyuranya n' ibyo u Rwanda rwiyemeje mu masezerano mpuzamahanga n'ay'akarere yerekeye uburenganzira mu kugaragaza ibitekerezo; kandi ukudafutuka kwayo kwifashishwa nkana mu kubangamira uburenganzira bw'ikiremwamuntu.

# ICYO WAKORA UBUNGUBU!

## TURAGUSABA GUSHYIRA UMUKONO KURI UBU BUTUMWA BW'IPOSITA MAZE UKABWOHEREREZA PEREZIDA W'U RWANDA (BINYUJIJWE KU UHAGARARIYE IGIHUGU I LONDON)

*Ifoto:* Abagiye gutora batonze umurongo ku munsi w'amatora, tariki 9 Kanama 2010, mu murenge wa Kimihurura i Kigali
Index: AFR 47/003/2011

AMNESTY INTERNATIONAL

**Bwana Perezida Kagame,**

Mbandikiye ngira ngo mbabwire ko mpangayikishijwe no kuba, mu Rwanda, abantu banenga guverinoma bakomeje gushyirwaho igitutu cyangwa bagacecekeshwa. Guverinoma y'u Rwanda yiyemeje kuvugurura amategeko ahindura ukutavuga rumwe na leta icyaha; ariko imanza zo mu minsi yashize ziregwamo abanyamakuru n'abanyapolitiki bo mu mashyaka atavuga rumwe n'ubutegetsi zisa nk'aho zerekana ko ibikorwa byibasira abanenga Leta bitigeze bicogora.

Rwose ndabasaba ko mwareka abanyapolitiki batavuga rumwe n'ubutegetsi, abanyamakuru, abaharanira uburenganzira bw'ikiremwamuntu, ndetse n'abandi bakajya bagaragaza ibitekerezo byabo nta nkomyi, abanenga imirongo ngenderwaho ya politiki n' ibikorwa bya guverinoma ku mpamvu zifatika nabo bakabikora batishisha ko umutekano wabo wahungabana.

Ndabasaba kandi kwihutisha ivugururwa ry'itegeko ryerekeye ' 'ingengabitekerezo ya jenoside' hamwe n'itegeko ry'itangazamakuru ryo muri 2009 kugira ngo ayo mategeko yombi ahuzwe n'inshingano u Rwanda rufite zigenwa nitegeko mpuzamahaga ku burenganzira bw'ikiremwamuntu.

Murakoze

**Izina:** ______________________

**Igihugu:** ______________________

Urutonde: AFR 47/003/2011 Kinyawanda

**President Paul Kagame**
**Care of High Commissioner Ernest Rwamucyo**
**Rwandan High Commission**
**120-122 Seymour Place**
**London W1H 1NR**
**United Kingdom**

*Ifoto:* Abagiye gutora batonze umurongo ku munsi w'amatora, tariki 9 Kanama 2010, mu murenge wa Kimihurura i Kigali

Amnesty International, International Secretariat, Peter Benenson House, 1 Easton Street, London WC1X 0DW, United Kingdom. www.amnesty.org